# Isaha ya Mpeta

Amashuri y'inshuke



School Books Distributors

Umwanditsi: Denise Nyinawumuntu

Uwashushanyije: Tony Bakatubia

# Isaha ya Mpeta

## Amashuri y'inshuke



Umwanditsi: Denise Nyinawumuntu

Uwashushanyije: Tony Bakatubia

©School Books Distributors 2020

Abantu bose bahawe uburenganzira bukurikira kuri iki gitabo: kugisoma yaba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ku mpapuro, kugikura kuri murandasi, kugifotoza cyangwa kugicapisha mu mpapuro, kugihererekanya yaba ku mpapuro cyangwa ku mbuga z'ikoranabuhanga (iziriho cyangwa izizavumburwa nyuma) no kugihindura mu ndimi izo ari zo zose. Abagikoresha ntibemerewe kugicuruza cyangwa kukibyazamo amafaranga mu buryo ubwo ari bwo bwose, batabiherewe uburenganzira mu nyandiko n'abagitangaje.

www.sbdbooks.rw

**ISBN:** 978-99977-59-76-4

School Books Distributors



Nitwa Mpeta.
Dutuye muri Rugari.



Iwacu umunsi utangira mu rukerera, utunyoni turirimba.



Mu museso, sogokuru arakama.



Ku gasusuruko, nyogokuru aboha uduseke.



Ku manywa, musaza wange afasha mama gutunganya amafunguro.



Ku gicamunsi, data yasa inkwi.



Ku mugoroba, mukuru wange araturirimbira.



Iyo ijoro riguye, tumenya ko igihe cyo kuryama kigeze, tugasezeranaho.



Iwacu mu muryango buri wese agira umurimo akora n'igihe awukorera.

Iki gitabo gifasha abana kumenya ibihe bigize umunsi.

sbd Books